



**IHURIRO RY'IGIHUGU NYUNGURANABITEKEREZO RY'IMITWE YA POLITIKI  
FORUM NATIONAL DE CONCERTATION DES FORMATIONS POLITIQUES  
NATIONAL CONSULTATIVE FORUM OF POLITICAL ORGANIZATIONS**

**ITANGAZO RIGENEWE IBITANGAZAMAKURU**

**ITANGAZO RY'INAMA RUSANGE Y'IHURIRO RY'IGIHUGU  
NYUNGURANABITEKEREZO RY'IMITWE YA POLITIKI**

None ku wa kane, tariki ya 27 werurwe 2025, inama isanzwe y'Inama Rusange y'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki yateranye, iyobowe n'Umuwugizi w'Ihuriro, Bwana NKUBANA Alphonse.

Inama Rusange yagejweho ikiganiro kuri "*Politiki n'ingamba z'Igihugu mu guteza imbere ubucuruzi n'ubuhahirane n'amahanga*" cyatanzwe na Minisitiri w'Ubucuruzi n'Inganda, SEBAHIZI Prudence.

Minisitiri yagaragaje ko mu rwego **guteza imbere ubucuruzi n'ibihugu bituranye n'u Rwanda**, hubatswe amasoko ya kijyambere ku mipaka iruhuza n'ibyho bihugu (Cross border markets: isoko rya Rusizi I na Bugarama, irya Rubavu, Karongi, Burera (Cyanika), Nyamasheke (Rugari), Kirehe (Rusumo), Nyaruguru (Akanyaru), Nyagatare (Kagitumba), n'andi.

Mu rwego rwo **guteza imbere ubwikorezi mpuzamahanga** no gufasha ababukora kurushaho kubunoza, Minisitiri yagaragaje ko, ku bufatanye n'abikorera, hubatswe icyambu kidakora ku nyanja (Kigali Logistic Platform) kiri i Masaka mu Karere ka Kicukiro kandi kikaba gikora neza. Hubatswe kandi icyambu ku kiyaga cya Kivu (Rubavu Port) mu Karere ka Rubavu, gikora neza, kikaba cyoroshya ubuhahirane hagati y'u Rwanda na Repubulika ya Demokarasi ya Kongo (DRC) hakoreshejwe amato manini.

Hubatswe kandi ububiko n'ibyumba bikonjesha bifasha gufata neza umusaruro ukomoka ku buhinzi n'ubworozi, mbere yo koherezwa ku masoko mu gihugu n'ayo hanze y'u Rwanda.

Minisitiri yagaragaje ko mu buhahirane n'amahanga u Rwanda ruri mu miryango y'ubukungu itandukanye harimo Umuryango w'Afurika y'Iburasirazuba (EAC), Isoko Rusange ry'Iburasirazuba n'Amajyepfo y'Afurika (COMESA), Umuryango w'Ubukungu w'Ibihugu by'Afurika yo Hagati (ECCAS), n' Isoko Rusange ry'Afurika (AfCFTA). Ikindi ni uko guhera mu mwaka wa 2021, u Rwanda rwinjiye mu muryango w'isoko rusange ry'Afurika.


Minisitiri yagaragaje ko mu **mbogamizi zituma amasoko yashyizweho adakora** uko bikwiye harimo ingaruka zatewe n'icyorezo cya Covid-19; icyuho kinini hagati y'ibyoherezwa mu mahanga n'ibivayo, u Rwanda rukaba rugikenera ibintu byinshi biva mu mahanga. Indi mbogamizi ni ifungwa ry'imipaka hagati y'u Rwanda n'Uburundi; umutekano mucye mu gihugu cy'abaturanyi cya DRC no kuba iki gihugu kitemerera abaturage bacyo kwambuka bakoresheje uburyo busanzwe bumenyerewe bwa "Jeton", byatumye hatabaho urujya n'uruza hagati y'ibihugu byombi.

Minisitiri yagaragaje **zimwe mu ngamba Igihugu cyafashe** mu rwego rwo guhangana n'izi mbogamizi, zirimo kuvugurura politiki y'ubucuruzi ikajyana n'igihe; kubaka ububiko bw'ibicuruzwa (Rubavu Bonded Warehouse) ku mupaka muto wa Rubavu (Petite Barriere); kwagura icyambu kidakora ku nyanja cya Kigali (KLP); kongera ishoramari ry'abikorera rikava kuri 15.9% by'umusaruro mbumbe rikagera kuri 21.5%; kongera ingano y' ibyoherezwa hanze hagamijwe kugabanya icyuho kiri hagati y'ibyoherezwa n'ibitumizwa mu mahanga, n'ibindi.

Inama Rusange yashimye ingamba Leta ifite mu rwego rwo gukomeza guteza imbere ubucuruzi n'ubuhahirane n'amahanga.

Inama Rusange yashyizeho abagize Biro y'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki bakurikira: **Depite MUKABUNANI Christine**, uturuka mu Mutwe wa Politiki PS Imberakuri, ku mwanya w'Umuvugizi; na **Depite RUTEBUKA BARINDA**, uturuka mu Mutwe wa Politiki PL, ku mwanya w'Umuvugizi Wungirije w'Ihuriro.

Bikorewe i Kigali, tariki ya 27/03/2025.



**GISAGARA Théoneste**  
**Umunyamabanga Nshingwabikorwa**